/B.S./NY.B./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 24 JAN 1985

N° 0317 /15.00

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Repubulika,
Prezida Fondateri wa Muvoma Revolisiyoneri
Iharanira Amajyambere y'u Rwanda
K I G A L I.-

Impamvu: Inyandiko-Mvugo
y'Inama ya Selire.

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Mboherereje inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayoboye taliki 3 Mutarama 1985. Iyo nama yaligamije kwifuliza ba Militante na ba Milita bagize Selire yacu Umwaka mushya muhire w'1985.

Muli iyo nama kandi, nabonyeho kwibutsa zimwe mu ngingo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative izibandaho muli uyu mwaka kugira ngo ishobore gutunganya imilimo ishinzwe mu rugendo rwo gutsura amajyambere.

Mbere yo gusoza inama nongeye kwibutsa ba Militante na ba Milita ko UMUGANDA n'ANIMASIYO ali ibya bose, kubura rero mu Muganda cyangwa muli Animasiyo bikaba bigomba impamvu ikomeye kandi igaragara.

Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yongeye kubizeza, Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D., ko ibashyigikiye kandi ko izubahiliza amatwara ya Muvoma yacu no gukomeza kuyacengeza mu bandi.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Umunyamabanga Mukuru
  wa M.R.N.D.
  K I G A L I
- Bwana Prezida w'Inama y'Igihugu
  Iharanira Amajyambere
  K I G A L I
- Bwana Ministri (BOSE)
- Abagize Selire ya Ministeri y'Urubyiruko
  no Gutsura za Koperative
  K I G A L I.

Dirgeral Jeunesse

Inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire yo kuwa 3 Mutarama 1985.

Taliki ya 3 Mutarama 1985 habaye inama muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Iyo nama yali iyobowe n'ushinzwe iyo Ministeri, Milita Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini Major BEM.

Atangira iyo nama yabwiye ba militante na bamilita bayijemo ko atabatumilije kugira ngo batore abagize Komite ya Selire nkuko yali yabibasezeranije mu nama y'ubushize. Yagize, ati : "N'ubwo icyo kibazo ndibugire icyo nkivugaho muli iyi nama, nabahamagaliye cyane cyane kugira ngo mbifulize umwaka mushya muhire w'1985". Ati : "Uyu mwaka dutangiye uzababere mwese, umwaka wo kwizera n'ubürumbuke, umwaka w'amahoro n'ubwumvikane kuli buli wese, mu ngo zanyu n'abo mubana bose, uzababere kandi umwaka w'umurava n'umwete ku mulimo".

Yakomeje agira ati : "N'ubwo ntabyera ngo de, nishimiye muli rusange ibikorwa twagezeho muli uyu mwaka ushize w'1984. Ubutwali n'umurava buli mukozi yatangiranye uyu mwaka turangije, byatumye, byinshi mu byo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yali iteganyije bigerwaho". Ati : "Ubwo butwali n'umurava, umwete, ubwumvikane no gufatanya mutahwemye kugaragaza, bigomba gukomeza kuba umusemburo w'ibikorwa byacu muli uyu mwaka dutangiye kugira ngo dushobore gutunganya bihagije imilimo Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishinzwe".

Muli uko gutunganya uwo mulimo, Ministri yibukije ingingo z'ingenzi Ministeri izibandaho muli uyu mwaka.

I. Muli rusange

1) Nkuko Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yabivuze igihe yifulizaga Abanyarwanda umwaka muhire w'1985, Ministri nawe yongeyeho kwibutsa abakozi bose ko 1985 ali umwaka w'Urubyiruko ku isi hose; umwaka Ministeri ifitemo uruhare rukomeye. Yavuze ko uyu mwaka ugomba kubera Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, umwaka wo kureba ibyagezweho mu gushakira umuti ibibazo bibangamiye Urubyiruko, umwaka wo kunonosora porogaramu y'ibikorwa byarwo kugira ngo rurusheho gufatanya n'abandi mu guharanira amajyambere y'Igihugu cyacu.

Kubyerekeye amarushanwa ateganijwe mu buhinzi, ubworozi, inyuga n'ubukolikoli; mu mikino gakondo ya Kinyarwanda, muli siporo, mu ndilimbo, mu bwanditsi n'ibindi ..., yasabye ko ayo marushanwa yategurwa ku bulyo bunonosoye kugira ngo azagire icyo asigira Urubyiruko kigaragara. Yaboneyeho gusaba Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Urubyiruko kwiga bihagije umushinga wo gushyira "Chantier des Jeunes" mu ishyamba lya GISHWATI.

.../...

no mu makoperative banenye gusoma no kwandika bityo bazashobore gucunga umutungo wabo neza.

III. <u>Ubuyobozi Bukuru bw'Imikino n'Inyidagaduro</u>

1) Milita Ministri yasabye abakozi bagize ubwo Buyobozi ko bagomba kurangwa n'ubwumvikane, gufatanya n'umurava ku kazi; kandi akazi gakozwe ugasanga katekerejweho bihagije. Aha ngaha yasabye ko umuco wo kwifashisha imilimo yakozwe kera kugira ngo umukozi ashobore gukora iyo ahawe atali mwiza kuko bikurura ubunebwe maze bigatuma umukozi adatera imbere mu bumenyi no mu mikorere. Imilimo idakorewe igihe kimwe ntikorwe n'umuntu umwe n'ubwo yaba ihuje umugambi, ntiyagombye gusa.

2) Yibukije abashinzwe kuyobora imikino n'inyidagaduro ko muli uyu mwaka hateganyijwe imilimo myinshi : gutegura Umwaka w'Urubyiruko ku isi hose, gutegura imikino y'uwa 5 Nyakanga 1985 n'indi milimo isanzwe ikorwa mu mwaka. Kugira rero ngo iyo milimo yose itazagongana cyangwa yahulirana igakorwa huti huti, abayishinzwe bagomba kuyikorera porogaramu iboneye, buli mulimo ukagenerwa igihe cyawo kandi iyihutirwa igahabwa umwanya wa mbere. Aha ngaha yasabye ko umushinga w'imikino y'uwa 5 Nyakanga 1985 hamwe na porogaramu yayo bigomba gushyirwa ahagaragara bitarenze ukwezi kwa mbere.

3) Ikigo cy'Urukali kigomba kuvugururwa ali mu miterere no mu mikorere yacyo. Mu miterere yacyo, kigomba gukorwa kigatunganywa, kikagira isuku ali mu mazu no hanze, mbese kikaba ikigo kirangwa n'umuco nyarwanda koko.
Mu mikorere yacyo, kigomba kuba ikigo gihugura abashinzwe imikino gakondo ya Kinyarwanda; kigakorerwamo ubushakashatsi kubyerekeye iyo mikino gakondo. Uretse itorero ly'Igihugu, kigomba guhugulirwamo n'andi matorero aturutse mu mpande z'igihugu, ali aya za Komini, za Perefegitura, ay'Ibigo bya Leta cyangwa ibyigenga, kigateza imbere ubuhanzi n'ubuhimbyi bwerekeranye n'imikino gakondo ya kinyarwanda, n'ibindi ...

4) Kubyerekeye itorero ly'Igihugu (Ballet National)
Ministri yifuje ko ilyo torero litagira ubulyo bumwe gusa bwo gukina, ahubwo ko abatoza balyo bahimba n'ubundi bushya, bityo likarushaho kugira imikino inyuranye kandi ubulyo bwo gukina bwa buli karere bukagaragara koko. Yasabye ko igice cy'itorero ly'Igihugu kigizwe n'abato "INDANGAMIRWA" (Ballet National Junior) cyashyirwaho kikanatozwa kugira ngo nacyo kijye kigaragara mu bitaramo. Yanasabye kandi abashinzwe iyo mikino gakondo ya kinyarwanda ko bakora uko bashoboye maze hagashyirwaho umutwe ugizwe n'ibicurangwa cyangwa ibivuzwa gakondo (inanga, iningili, umwirongi, ihembe, umuduli, ikinyuguli, intara, inzogera, ikondera, insengo, n'ibindi ...).

.../...

VI. Ibiro bishinzwe gucunga umutungo wa Ministeri

Ministri yasabye ushinzwe gucunga umutungo wa Ministeri gukomeza ubutwali yagaragaje umwaka ushize. Maze ali mu gucunga lisansi, imodoka n'abashofeli, intego y'umukanda ikarushaho gushinga imizi. Yamusabye ko gutumiza ibintu mu bacuruzi byajya bikorwa kare kandi fagitire zikishyurwa bidatinze kuko iyo zitinze usanga zitera ibibazo nyili ibintu, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yabikoresheje, na Ministeri y'Imali n'Ubukungu igomba kubyishyura.

Ku kibazo cya telefone, Milita Ministri yongeye kwibutsa abakozi ko telefone yashyiliweho kugirango akazi gashobore gutungana ku bulyo bworoshye. Muli uko kudufasha aliko, ntigomba kuba uruganiliro kuko iyo bigenze bityo, umugambi w'umukanda ulibagirana maze fagitire Ministeri iliha ikaza ali nini. Yavuze ko bishoboka telegaramu inyuze muli "Service de Sécurité" yajya ikoreshwa mu mwanya wa telefone kuko nta mafranga baka.

Yavuze ko icyo kibazo kigomba kandi no kugera kubakozi ba Ministeri bakorera muli za Perefegitura no muli za Superefegitura. Niyo mpamvu ndetse, mu ntangiliro za buli mwaka abo bakozi bazajya bahabwa igeno lizajya libafasha gutunganya umulimo wabo w'uwo mwaka batangiye, bagatelefona igihe ali ngombwa kandi ntibarenze "subdélégation" bazaba babonye.

Ku kibazo cy'ibikoresho (mobilier) bisabwa n'Abayobozi b'Urubyiruko no Gutsura za Koperative muli za Perefegitura no muli za Superefegitura, Ministri yasabye ibyo biro ko byazareba uko izindi selivisi zibigenza kugira ngo haboneke inzira igaragara kandi iboneye yo kubitanga.

VII. Ibiro bishinzwe abakozi.

Yasabye ibiro bishinzwe abakozi ko idosiye ya buli mukozi igomba guhora itunganye, ntacyo ibuze. Abakozi nabo ntibagomba kudohoka ngo bilyamire ku cyizere cy'ishimwe babonye, ahubwo umwete n'umurava bali basanganywe bigomba kwiyongera; bityo ishimwe bahabwa likagira ishingiro koko.
Ku kibazo cy'ishimwe ly'abateye ikontaro ligomba kwongerwa ku mushahara buli mwaka, Ministri yasabye ibyo biro gushyira ayo madosiye ku murongo, adatunganye agatunganywa bidatinze.

Naho ku byerekeye Umuganda n'Animasiyo, Ministri yavuze ko yishimiye umurava ba Militante na ba Milita bagaragaje muli uyu mwaka ushize, anabasaba kubikomeza kugira ngo Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative irusheho gutera imbere. Yabibukije kandi ko Umuganda n'Animasiyo ali ibya bose, ko ntawe ugomba kwitwaza akandi kazi ngo asibe Umuganda cyangwa Animasiyo keretse hali impamvu igaragara kandi izwi.